# Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

**A. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Order / Arrêté du Premier Ministre**

**Nº 04/03 ryo ku wa 16/01/2015**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Ihuriro ry'Abavumvu mu Rwanda rikanagena imitunganyirize n'imikorere byaryo ……………………………………………………..…3
**Nº 04/03 of 16/01/2015**
Prime Minister's Order establishing the Union of beekeepers in Rwanda and determining its organization and functioning ……………………………………………………………….3
**Nº 04/03 du 16/01/2015**
Arrêté du Premier Ministre portant création de l'Union des Apiculteurs au Rwanda et déerminant son organisation et fonctionnement ………………………………………………3

**B. Iteka rya Minisitiri / Ministerial Order / Arrêté Ministériel**

**N° 001/11.30 ryo ku wa 10/12/2014**
Iteka rya Minisitiri ryerekeye isuku mu mwuga w'ubuvumvu n'imikoreshereze y'imiti mu buvumvu……………………………………………………………………………………...22
**N° 001/11.30 of 10/12/2014**
Ministerial Order relating to hygiene in beekeeping and modalities for use of toxic substances…………………………………………………………………………..…...22
**N° 001/11.30 du 10/12/2014**
Arrêté Ministériel portant hygiène et modalités d'utilisation des substances toxiques dans la filière apicole au Rwanda……………………………………………………………22

**N°01/Mifotra/15 ryo ku wa 15/01/2015**
Iteka rya Minisitiri rigena ishyirwaho rya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo…………………………………………………………………………...49
**N°01/Mifotra/15 of 15/01/2015**
Ministerial Order determining modalities of establishing and functioning of occupational health and safety committees……………………………………………………………...49
**N°01/Mifotra/15 du 15/01/2015**
Arrêté Ministériel déterminant les modalités de mise en place et de fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail……………………………………………………..49

**C. Amabwiriza /Instructions / Instructions**

**Nº001/Minagri/014 yo ku wa 10/12/2014**
Amabwiriza ya Minisitiri yerekeranye n'aho kwagika imizinga y'inzuki, ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki, n'itangwa ry'icyangombwa cy'ubuvumvu………………..75
**Nº001/Minagri/014 of 10/12/2014**
Ministerial Instructions relating to positioning of beehives, honey harvesting equipment and issuance of beekeeping certificate…………………………………………………………75

**Nº001/Minagri/014 du 10/12/2014**
Instructions Ministérielles relatives au positionnement des ruches, du matériel pour la récolte du miel et de la délivrance du certificat d'apiculture ……………………………………..75

**D. *Ibindi / Miscellaneous / Divers :***

Itangazo ry'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'abasohoka mu Gihugu……………………...95
Announcement of the Directorate General of Immigration and Emigration…………………95
Communiqué de la La Direction Générale de l'Immigration et Emigration…………………95

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº04/03 RYO KU WA 16/01/2015 RISHYIRAHO IHURIRO RY'ABAVUMVU MU RWANDA RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYARYO**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi bw'ihuriro n'urwego rurireberera**

**Ingingo ya 3: Abagize ihuriro**

**UMUTWE WA II: ICYICARO N'INSHINGANO BY'IHURIRO**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cy'Ihuriro**

**Ingingo ya 5: Intego n'inshingano z'Ihuriro**

**UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'IHURIRO**

**Ingingo ya 6: Inzego z'Ihuriro**

**Icyiciro cya mbere: Inama Rusange**

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 04/03 OF 16/01/2015 ESTABLISHING THE UNION OF BEEKEEPERS IN RWANDA AND DETERMINING ITS ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Legal personality of the Union and its supervising authority**

**Article 3: Membership of the Union**

**CHAPTER II: HEAD OFFICE AND MISSION OF THE UNION**

**Article 4: Head Office of the Union**

**Article 5: Mission and responsibilities of the Union**

**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE UNION**

**Article 6: Organs of the Union**

**Section One: General Assembly**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº 04/03 DU 16/01/2015 PORTANT CREATION DE L'UNION DES APICULTEURS AU RWANDA ET DETERMINANT SON ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Personnalité juridique de l'Union et son organe de supervision**

**Article 3: Membre de l'Union**

**CHAPITRE II: SIEGE ET MISSION DE L'UNION**

**Article 4: Siège de l'Union**

**Article 5: Mission et responsabilités de l'Union**

**CHAPITRE III : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'UNION**

**Article 6: Organes de l'Union**

**Section première: Assemblée Générale**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 7: Abagize Inama Rusange** | **Article 7: Composition of the General Assembly** | **Article 7: Composition de l'Assemblée Générale** |
| **Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama Rusange** | **Article 8: Responsibilities of the General Assembly** | **Article 8: Attributions de l'Assemblée Générale** |
| **Ingingo ya 9: Inama z'Inama Rusange** | **Article 9: Meetings of General Assembly** | **Article 9: Réunions de l'Assemblée Générale** |
| **Ingingo ya 10: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane** | **Article 10: Quorum** | **Article 10: Quorum** |
| **Ingingo ya 11: Inama idasanzwe y'inama Rusange** | **Article 11: Extraordinary meeting of the General Assembly** | **Article 11: Réunion extraordinaire de l'Assemblée Générale** |
| **Ingingo ya 12: Itumira mu nama y'Inama Rusange ry'umuntu ushobora kuyungura ibitekerezo** | **Article 12: Invitation of a resourceful person in the meeting of the General Assembly** | **Article 12: Invitation d'une personne ressource aux réunions de l'Assemblée Générale** |
| **Icyiciro cya 2: Komite Nyobozi** | **Section 2: Executive Committee** | **Section 2: Comité Exécutif** |
| **Ingingo ya 13: Itorwa rya Komite Nyobozi n'igihe imara** | **Article 13: Election of the Executive Committee and its term of office** | **Article 13: Election du Comité Exécutif et durée de son mandat** |
| **Ingingo ya 14: Abagize Komite Nyobozi** | **Article 14: Composition of the Executive Committee** | **Article 14: Composition du Comité Exécutif** |
| **Ingingo ya 15: Inshingano za Komite Nyobozi** | **Article 15: Responsibilities of the Executive Committee** | **Article 15: Attributions du Comité Exécutif** |
| **Ingingo ya 16: Inama za Komite Nyobozi** | **Article 16: Meetings of the Executive Committee** | **Article 16: Réunions du Comité Exécutif** |
| **Ingingo ya 17: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane** | **Article 17: Quorum** | **Article 17: Quorum** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Inyandikomvugo z'inama za Komite Nyobozi** | **Article 18: Minutes of the meeting of the Executive Committee** | **Article 18: Procès-verbaux des réunions du Comité Exécutif** |
| **Ingingo ya 19: Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu** | **Article 19: Executive Committee at the national level** | **Article 19: Comité Exécutif au niveau national** |
| **Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Buhoraho** | **Section 3: Permanent Secretariat** | **Section 3: Secrétariat Permanent** |
| **Ingingo ya 20: Ubunyamabanga Buhoraho** | **Article 20: Permanent Secretariat** | **Article 20: Secrétariat Permanent** |
| **Ingingo ya 21: Ishyirwaho ry'Umunyabanga Nshingwabikorwa n'abamwungiriza** | **Article 21: Recruitment of the Executive Secretary and his/her assistants** | **Article 21: Recrutement du Secrétaire Exécutif et ses assistants** |
| **Ingingo ya 22: Inshingano z'Ubunyamabanga Buhoraho** | **Article 22: Responsibilities of the Permanent Secretariat** | **Article 22: Responsabilités du Secrétariat Permanent** |
| **UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'IHURIRO** | **CHAPTER IV: PROPERTY OF THE UNION** | **CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE L'UNION** |
| **Ingingo ya 23: Umutungo w'Ihuriro** | **Article 23: Property of the Union** | **Article 23: Composition du patrimoine** |
| **Ingingo ya 24: Inkomoko y'umutungo w'ihuriro** | **Article 24: Sources of the property of the Union** | **Article 24: Source du patrimoine de l'Union** |
| **Ingingo ya 25: Kugenzura umutungo** | **Article 25: Audit of the property** | **Article 25: Contrôle du patrimoine** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER V: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 26: Abashinzwe kubahiriza iri teka** | **Article 26: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 26: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 27: Repealing provision** | **Article 27: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 28: Igihe iteka ritangira gukurikizwa** | **Article 28: Commencement** | **Article 28: Entrée en vigueur** |

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE Nº04/03 RYO KU WA 16/01/2015 RISHYIRAHO IHURIRO RY'ABAVUMVU MU RWANDA RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYARYO**

**Minisitiri w'Intebe;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 90, iya 93, iya 118 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2013 ryo ku wa 10/05/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/06/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rishyiraho Ihuriro ry'Abavumvu mu Rwanda, ryitwa "Ihuriro" mu ngingo zikurikira,

**PRIME MINISTER'S ORDER Nº 04/03 OF 16/01/2015 ESTABLISHING THE UNION OF BEEKEEPERS IN RWANDA AND DETERMINING ITS ORGANIZATION AND FUNCTIONING**

**The Prime Minister;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 90, 93, 118 and 201;

Pursuant to Law nº 25/2013 of 10/05/2013 determining the organization and functioning of beekeeping in Rwanda, especially in Article 5;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/06/2014;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order establishes the Union of beekeepers in Rwanda, referred to hereinafter as the "Union" and

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE Nº 04/03 DU 16/01/2015 PORTANT CREATION DE L'UNION DES APICULTEURS AU RWANDA ET DETERMINANT SON ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT**

**Le Premier Ministre;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 90, 93, 118, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 25/2013 du 10/05/2013 déterminant l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda, spécialement en son article 5;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/06/2014 ;

**ARRETE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte création de l'Union des Apiculteurs au Rwanda, ci-après désigné "Union" et

rikanagena imitunganyirize n'imikorere byaryo.

**Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi bw'ihuriro n'urwego rurireberera**

Ihuriro rifite ubuzima gatozi n'ubwigenge mu micungire y'ubuyobozi n'imari.

Amategeko ngengamikorere y'ihuriro agena uhagararira ihuriro imbere y'amategeko

Ihuriro rirebererwa na Minisiteri ifite ubuvumvu mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 3: Abagize ihuriro**

Ihuriro rigizwe n'abavumvu bose bemerewe gukora umwuga wabo mu Rwanda, abatunganya ubuki n'abacuruza ubuki n'ibikomoka ku nzuki.

**UMUTWE WA II: ICYICARO N'INSHINGANO BY'IHURIRO**

**Ingingo ya 4: Icyicaro cy'ihuririro**

Icyicaro gikuru cy'Ihuriro kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Icyicaro gishobora kwimurirwa ahandi ho hose ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda byemejwe n'Inama Rusange y'ihuriro.

determines its organization and functioning.

**Article 2: Legal personality of the Union and its supervising authority**

The Union shall have a legal personality and administrative and financial autonomy.

The internal rules and regulations of the Union shall determine the legal representative of the Union.

The Union shall be under the supervision of the Ministry in charge of beekeeping.

**Article 3: Membership of the Union**

The Union shall comprise all beekeepers eligible to practice beekeeping in Rwanda, processors and traders of honey and bee products.

**CHAPTER II: HEAD OFFICE AND MISSION OF THE UNION**

**Article 4: Head Office of the Union**

The head Office of the Union shall be in the City of Kigali, the capital of the Republic of Rwanda. The head office may be transferred elsewhere on the Rwandan territory, upon approval by the General Assembly of the Union.

détermine son organisation et fonctionnement.

**Article 2: Personnalité juridique de l'Union et son organe de supervision**

L'Union est dotée de la personnalité juridique et de l'autonomie de gestion administrative et financière.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Union prévoit son représentant légal.

L'Union est placée sous la tutelle du Ministère ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Article 3: Membre de l'Union**

L'union regroupe l'ensemble des apiculteurs habilités à exercer en République du Rwanda, transformateurs et commerçants du miel et des produits de la ruche.

**CHAPITRE II: SIEGE ET MISSION DE L'UNION**

**Article 4: Siège de l'Union**

Le siège de l'Union se trouve dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu de la République du Rwanda sur décision de l'Assemblée Générale.

**Ingingo ya 5: Intego n'inshingano z'Ihuriro**

Intego y'Ihuriro ni ugushishikariza guteza imbere kungurana ibitekerezo hagati y'abafatanyabikorwa baryo hagamijwe kuriteza imbere.

By'umwihariko, ihuriro rishinzwe:

1° guhugurira abavumvu gukoresha uburyo bwa kijyambere na tekinoloji zongerera agaciro ibikomoka ku buki;

2° gukorera ubuvugizi za koperative z'abavumvu, abatunganya ubuki n'ababucuruza mu nzego zifata ibyemezo ku bibazo byerekeye ubuvumvu no kuborohereza kugira uruhare muri izo nzego zifata ibyemezo;

3° gukorana inama ngishwanama n'abafatanyabikorwa mu buvumvu, harimo abavumvu ubwabo, abatunganya ubuki, ababucuruza ku buryo bwo kunoza serivisi z'Ihuriro no kugaragaza ingorane buri rwego rw'abafatanyabikorwa ruhura na zo no kwemeranya ku nzira zo kuzikemura;

4° gukora ubuki bwiza ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuziranenge kugira

**Article 5: Mission and responsibilities of the Union**

The mission of the Union is to enhance exchange of ideas between stakeholders in the beekeeping sector in order to contribute to its development.

In particular, the Union shall be responsible for:

1° sensitizing the beekeepers to use modern methods of beekeeping and technologies that increase the value of bee products;

2° advocating for beekeepers cooperatives, processors and sellers of bee products to decision-making bodies on beekeeping related issues and to facilitate their participation in the decision-making bodies;

3° conducting consultations with key stakeholders in beekeeping, including beekeepers, processors and traders of honey on improvement of the services of the union and to identify the constraints faced by each stakeholder group and agree on way forward;

4° manufacturing good quality honey in collaboration with the Rwanda Bureau of

**Article 5: Mission et responsabilités de l'Union**

La mission de l'Union est de promouvoir l'échange d'idées entre tous les intervenants dans la filière apicole en vue de contribuer à son développement.

En particulier, l'Union a comme responsabilité de :

1° sensibiliser les apiculteurs à faire recours aux méthodes modernes de production apicole et à l'adoption des technologies susceptibles d'accroître la valeur des produits apicoles;

2° plaider en faveur des coopératives d'apiculteurs, des processeurs et vendeurs de produits apicoles auprès des organes de prise de décisions en rapport avec la filière apicole et faciliter leur participation au processus de prise de décisions de ces organes ;

3° organiser des réunions régulières de concertation avec les principaux intervenants de la filière apicole, notamment les apiculteurs, les processeurs et les commerçants du miel pour échanger sur les voies et moyens propres à améliorer les prestations de service de l'Union afin d'identifier les contraintes auxquelles fait face chaque groupe d'intervenants et convenir sur les voies de solutions ;

4° en collaboration avec l'Office Rwandais de Normalisation, s'assurer d'une bonne qualité du

ngo ubwiza bw'ubuki bugirirwe icyizere n'ababukoresha;

5° gukora ku buryo abavumvu bagera ku masoko y'ibicuruzwa byabo kugira ngo babone inyungu;

6° gutanga inama za tekiniki ku byerekeranye no gupfunyika no gishyira ibyapa ku buki;

7° korohereza abakora imirimo y'ubuvumvu kubona inguzanyo;

8° gutanga ubufasha bukwiye ku buryo bwo gukusanya imibare n'amakuru ku buvumvu ku rwego rw'Igihugu;

9° gukora urubuga kuri interineti rugaragaza imibare y'abakora umwuga w'ubuvumvu no gusakaza amakuru ku banyamuryango barwo, abafatanyabikorwa, ibigo by'imari, amasoko n'abaturage;

10° gushaka no gukomeza umubano hagati y'ubuvumvu bwo mu Rwanda n'inzego z'ubuvumvu zo mu karere, mu bihugu by'amahanga n'indi miryango;

11° gukurikirana ko amategeko n'amabwiriza agenga ubuvumvu byubahirizwa mu Rwanda.

Standards in order to ensure confidence among consumers;

5° ensuring that beekeepers access markets for their products in order to generate income;

6° providing technical advice on the matters of packaging and labelling of honey;

7° facilitating beekeepers in the beekeeping profession in accessing credit;

8° providing the appropriate support in collection of statistical information on beekeeping at national level;

9° developing a website indicating the number of beekeepers and to disseminate relevant information to its members, stakeholders, financial institutions, markets and the general population;

10° initiating and maintaining relationship between Rwanda beekeeping sector and regional beekeeping bodies, foreign countries and with other organizations;

11° ensuring effective implementation of laws and regulations governing beekeeping in Rwanda.

miel dans le but de gagner la confiance des consommateurs locaux;

5° s’assurer que les apiculteurs ont un accès facile au marché pour leurs produits et en tirent des revenus intéressants ;

6° donner les conseils techniques quant au conditionnement et à l’étiquetage du miel ;

7° faciliter les apiculteurs dans la filière à accéder au crédit ;

8° donner l’appui nécessaire à la collecte de toutes les données et informations relatives à la filière apicole au niveau national ;

9° développer une base de données pour la filière apicole et diffuser les informations à ses membres, les intervenants dans la filière, les institutions financières, le marché et le public en général ;

10° nouer et entretenir les relations entre la filière apicole du Rwanda et celles de la sous-région, des pays étrangers ainsi qu’avec d’autres organisations;

11° s’assurer de l’application efficace des lois et règlements régissant la filière apicole.

**UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'IHURIRO**

**Ingingo ya 6: Inzego z'Ihuriro**

Ihuriro rigizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

1° Inama Rusange ;

2° Komite Nyobozi ;

3° Ubunyamabanga Buhoraho.

Inama Rusange na Komite Nyobozi ziri ku rwego rw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge n'Akagari. Ni rwo rwego rukuru rw'Ihuriro.

Ubunyamabanga Buhoraho buri ku rwego rw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali.

**Icyiciro cya mbere: Inama Rusange**

**Ingingo ya 7: Abagize Inama Rusange**

Inama Rusange ku rwego rw'Igihugu igizwe n'aba bakurikira:

1° Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu; na

2° Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE UNION**

**Article 6: Organs of the Union**

The Union shall comprise the following management organs:

1° General Assembly;

2° Executive Committee;

3° Permanent Secretariat.

The General Assembly and the Executive Committee shall be at the national level, Province and at the City of Kigali, District, Sector and Cell. It shall be the supreme organ of the Union.

The Permanent Secretariat shall be at the National level, Province and the City of Kigali.

**Section One: General Assembly**

**Article 7: Composition of the General Assembly**

The General Assembly at the national level shall comprise the following:

1° the members of the Executive Committee at the national level; and

2° the members of the Executive Committees at the Province and the City of Kigali.

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'UNION**

**Article 6: Organes de l'Union**

L'Union comprend les organes de gestion suivants :

1° Assemblée Générale;

2° Comité Exécutif;

3° Secrétariat Permanent.

L'Assemblée Générale et le Comité Exécutif sont à l'échelon national, de la Province et de la Ville de Kigali, du District, du Secteur et de la Cellule. Elle est l'organe suprême de l'Union.

Le Secrétariat Permanent se trouve à l'échelon national, de la Province et de la Ville de Kigali.

**Section première: Assemblée Générale**

**Article 7: Composition de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale au niveau national est composée de:

1° des membres du Comité Exécutif au niveau national;

2° des membres des Comités Exécutifs au niveau de la Province et de la Ville de Kigali.

Inama Rusange ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali igizwe na:

1° abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;

2° abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Uturere.

Inama Rusange ku rwego rw'Akarere igizwe na:

1° abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Akarere;

2° abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Umurenge.

Inama Rusange ku rwego rw'Umurenge igizwe na :

1° Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Umurenge;

2° Abagize Komite Nyobozi ku rwego rw'Utugari.

Inama Rusange ku rwego rw'Akagari igizwe n'abavumvu bose, abatanga serivisi, abatunganya n'abacuruza ubuki batuye mu Kagari.

Amategeko ngengamikorere ateganya ibyo abagize inama rusange ku Kagali bagomba kuba bujuje n'inshingano za buri wese.

The General Assembly at the level of the Province and the City of Kigali comprises:

1° members of the Executive Committee at the Province and the City of Kigali;

2° member of the Executive Committees at the District level.

The General Assembly at the District level shall comprise:

1° members of the Executive Committee at the District level;

2° members of the Executive Committees at the Sector. level.

The General Assembly at the Sector level shall comprise:

1° members of the Executive Committee at the Sector level;

2° members of the Executive Committees at the Cell level.

The General Assembly at cell level shall comprise all beekeepers, service providers, processors and traders of honey who reside in the cell.

Internal rules and regulations shall provide for the requirements of the members of the General assembly at the Cell level and responsibilities of

L'Assemblée Générale au niveau de la Province et de la Ville de Kigali est composée par:

1° des membres du Comité Exécutif au niveau de la Province et de la Ville de Kigali;

2° des membres des Comités Exécutifs au niveau du District.

L'Assemblée Générale au niveau du District est composée de :

1° membres du Comité Exécutif au niveau du District;

2° membres des Comités Exécutifs au niveau du Secteur.

L'Assemblée Générale au niveau du Secteur est composée de :

1° des membres du Comité Exécutif au niveau du Secteur;

2° des membres des Comités Exécutifs au niveau de la Cellule.

L'Assemblée Générale au niveau de la Cellule est constituée de tous les apiculteurs, prestataires de services, processeurs et commerçants du miel résidant dans la Cellule.

Le règlement d'ordre intérieur précise les conditions pour être membre et les attributions de chaque membre.

each member.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Inshingano z'Inama Rusange**

Inshingano z'Inama Rusange ya buri rwego ni izi zikurikira:

1° gusuzuma no kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengabihe y'imirimo;

2° kwemeza ingengo y'imari y'umwaka;

3° gusuzuma no kwemeza raporo y'umwaka y'ibikorwa bya Komite Nyobozi;

4° gukemura ibibazo yagejejejweho;

5° gutora abagize Komite Nyobozi no kubasimbura mu gihe bibaye ngombwa;

6° gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Buhoraho na Komite Nyobozi;

7° kwemeza amategeko ngengamikorere yayo.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Inama z'Inama Rusange**

Ku rwego rw'Akagari, Inama Rusange iterana rimwe (1) mu mezi atandatu (6) mu nama isanzwe. Ku zindi nzego, Inama Rusange iterana rimwe (1) mu mwaka.

**<u>Article 8</u>: Responsibilities of the General Assembly**

Responsibilities of the General Assembly at each level shall be the following:

1° to consider and adopt the action plan and calendar of activities;

2° to adopt the annual budget;

3° to consider and adopt the Executive Committee annual report;

4° to resolve any issues before it;

5° to elect members of the Executive Committee and replace them where applicable;

6° to oversee the functioning of the Permanent Secretariat and the Executive Committee;

7° to adopt its internal rules and regulations.

**<u>Article 9</u>: Meetings of General Assembly**

At the cell level, ordinary General Assembly shall meet once (1) in six (6) months. At other levels, General Assembly shall meet once (1) a year.

**<u>Article 8</u>: Attributions de l'Assemblée Générale**

Les attributions de l'Assemblée Générale à chaque échelon sont les suivantes :

1° examiner et adopter le plan d'actions et le calendrier des activités ;

2° adopter le budget annuel ;

3° examiner et adopter le rapport annuel du Comité Exécutif;

4° résoudre les problèmes qui lui sont soumis;

5° élire les membres du Comité Exécutif et pourvoir à leur remplacement si nécessaire;

6° superviser le fonctionnement du Secrétariat Permanent et celui du Comité Exécutif;

7° adopter son règlement d'ordre intérieur.

**<u>Article 9</u>: Réunions de l'Assemblée Générale**

Au niveau de la Cellule, l'Assemblée Générale ordinaire se réunit une (1) fois les six (6) mois. Elle se réunit une (1) fois par an aux autres niveaux.

Inama Rusange kuri buri rwego itumizwa kandi ikayoborwa n'Umuhuzabikorwa, yaba adahari igatumizwa n'Umuhuzabikorwa Wungirije.

**Ingingo ya 10: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Umubare wa ngombwa kugira ngo Inama Rusange iterane ni kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize.

Iyo inama itabashije guterana kubera kubura umubare wa ngombwa, itumizwa bwa kabiri mu gihe cy'iminsi umunani (8) kandi igaterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abitabiriye inama.

**Ingingo ya 11: Inama idasanzwe y'inama Rusange**

Inama y'Inama Rusange ishobora guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama idasanzwe y'Inama Rusange itumizwa n'umuhuzabikorwa, abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abagize Komite Nyobozi y'Urwego rusaba guterana.

Inama idasanzwe y'Inama Rusange isuzuma gusa ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

The General Assembly at each level shall be convened and chaired by the Coordinator or in case of his/her absence, by the Deputy Coordinator.

**Article 10: Quorum**

The quorum required for the General Assembly meeting to be held shall be a half (1/2) of its members.

If the meeting fails to take place due to lack of quorum, it shall be reconvened within eight (8) days, and it shall be held regardless of the number of attendants.

Decisions shall be taken at the majority vote of two thirds (2/3) of the members present.

**Article 11: Extraordinary meeting of the General Assembly**

The meeting of the General Assembly may be held in extraordinary session whenever considered necessary.

The extraordinary meeting of the General Assembly shall be convened by the Coordinator, on his/her own initiative or upon a written request of a third (1/3) of the members of Executive Committee of the level requesting the meeting.

The extraordinary meeting of the General Assembly shall consider only items on the agenda.

L'Assemblée Générale à chaque niveau est convoquée et présidée par le Coordinateur ou, en son absence, par le Coordinateur Adjoint.

**Article 10: Quorum**

Le quorum pour la tenue de la réunion de l'Assemblée Générale est la moitié (1/2) de ses membres.

Si la réunion n'a pas lieu pour défaut du quorum, elle est convoquée pour la seconde fois dans huit (8) jours et, dans ce cas, elle se tient sans considération du nombre des présences.

Les résolutions sont prises à la majorité de deux tiers (2/3) des membres présents.

**Article 11: Réunion extraordinaire de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale peut se réunir en session extraordinaire chaque fois que de besoin.

La réunion extraordinaire de l'Assemblée Générale est convoquée par le Coordinateur, de sa propre initiative ou à la demande écrite d'un tiers (1/3) des membres du Comité Exécutif pour le niveau qui demande une réunion.

La réunion extraordinaire statue uniquement sur les questions inscrites à l'ordre du jour.

**Ingingo ya 12 Itumira mu nama y'Inama Rusange ry'umuntu ushobora kuyungura ibitekerezo**

Inama Rusange kuri buri rwego ishobora gutumira mu nama zayo umuntu ibona ushobora kuyungura inama ku ngingo runaka. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora cyangwa gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

**Icyiciro cya 2: Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 13: Itorwa rya Komite Nyobozi n'igihe imara**

Abagize Inama Rusange kuri buri rwego bitoramo Komite Nyobozi igizwe n'abantu icyenda (9).

Abagize Komite Nyobozi batorwa mu ibanga kandi ku bwiganze burunduye bw'amajwi. Abagize Komite Nyobozi batorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa rimwe (1) gusa.

Amategeko ngengamikorere y'Ihuriro agena uburyo abagize Komite Nyobozi batorwa, uko basimburwa n'inshingano zabo.

**Article 12: Invitation of a resourceful person in the meeting of the General Assembly**

The General Assembly at each level may invite to its meetings any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda. The invited person shall not be allowed to vote or follow debates of other items on the agenda.

**Section 2: Executive Committee**

**Article 13: Election of the Executive Committee and its term of office**

Members of the General Assembly at each level shall elect among its members an Executive Committee composed of nine (9) people.

Members of the Executive Committee shall be elected by secret ballot at an absolute majority vote. Members of the executive committee shall be elected for a term of office of five (5) years, renewable only once (1).

Internal rules and regulations of the Union shall determine the mode of election of the members of the Executive Committee, procedure of their replacement and their respective responsibilities.

**Article 12: Invitation d'une personne ressource aux réunions de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale à chaque niveau peut inviter à ses réunions toute personne dont elle peut obtenir conseil sur une certaine question figurant à l'ordre du jour. La personne invitée n'a pas droit de voter ou de suivre les débats sur une autre question à l'ordre du jour.

**Section 2: Comité Exécutif**

**Article 13: Election du Comité Exécutif et durée de son mandat**

L'Assemblée Générale à chaque niveau élit en son sein un Comité Exécutif composé de neuf (9) personnes.

Les membres du Comité Exécutif à chaque niveau sont élus par l'Assemblée Générale au scrutin secret et à la majorité absolue pour un mandat de cinq (5) ans renouvelables une (1) seule fois.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Union détermine le mode d'élection des membres du Comité Exécutif, les modalités de remplacement et leurs attributions.

**Ingingo ya 14: Abagize Komite Nyobozi**

Kuri buri rwego, Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:

1° Umuhuzabikorwa;

2° Umuhuzabikorwa Wungirije;

3° Umunyamabanga ;

4° Umujyanama mu bijyanye n'Imari ;

5° Umujyanama mu byerekeye umusaruro ;

6° Umujyanama ushinzwe umusaruro, imenyekanisha n'ubuvugizi;

7° Umujyanama ushinzwe umuco n'ibibazo bijyanye n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore;

8° Umujyanama ushinzwe amakuru ;

9° Umujyanama ushinzwe ubutwererane.

**Ingingo ya 15: Inshingano za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi ishinzwe ibikorwa byose by'ubuyobozi bw'ihuriro.

By'umwihariko, Komite Nyobozi ishinzwe:

**Article 14: Composition of the Executive Committee**

At each level, the Executive Committee shall comprise:

1° a Coordinator;

2° a Deputy Coordinator;

3° a secretary;

4° a financial Advisor;

5° a production advisor;

6° an Advisor in charge of production, advertisements and advocacy;

7° an Advisor in charge of culture and gender promotion;

8° an Adviser in charge of information;

9° an Advisor in charge of cooperation.

**Article 15: Responsibilities of the Executive Committee**

The Executive Committee shall be responsible for all administrative acts of the Union.

In particular, the Executive Committee shall be responsible for:

**Article 14: Composition du Comité Exécutif**

A chaque niveau, le Comité Exécutif est composé des personnes suivantes:

1° un Coordinateur;

2° un Coordinateur Adjoint;

3° un Secrétaire;

4° un Conseiller chargé des finances ;

5° un Conseiller chargé de la production ;

6° un Conseiller chargé de la production et de la publicité du plaidoyer ;

7° un Conseiller chargé de la culture et de la promotion du genre ;

8° un Conseiller chargé de l'information;

9° un Conseiller chargé de la coopération.

**Article 15: Attributions du Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif est chargé de tous les actes d'administration de l'Union.

Le Comité Exécutif est particulièrement chargé de:

1° gukurikirana imicungire ya buri munsi y'Ihuriro;
2° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama Rusange keretse ibigomba gushyirwa mu bikorwa n'Inama Rusange;

3° gushyiraho uburyo bunoze bwo guhuza ibikorwa by'inzego zose z'ubuvumvu;

4° gutegura inyandiko za ngombwa zifasha Inama Rusange kurangiza inshingano zayo;

5° gukorera ubuvugizi urwego rw'ubuvumvu mu nzego zose zifata ibyemezo;

6° gutegura ingengo y'imari no kuyishyikiriza Inama Rusange;

7° gukora indi mirimo yose ihawe n'Inama rusange.

Abagize Komite Nyobozi bageza ku Nama Rusange ibyerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano rusange zayo, kandi buri wese mu bayigize atanga raporo ku nshingano ze bwite ku mwanya yatorewe.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Inama za Komite Nyobozi**

Kuri buri rwego, Komite Nyobozi iterana rimwe (1) mu gihembwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.

1° ensuring the daily management of the Union;

2° implementing decisions and recommendations of the General Assembly except those to be implemented by the General Assembly;

3° establishing an efficient system for coordination of all structures of beekeeping sector;

4° preparing all the necessary documents for the General Assembly to fulfil its mission;

5° advocating for the beekeeping sector in decision-making bodies;

6° preparing the budget proposal and submit it to the General Assembly;

7° carrying out any other duties as the General Assembly may assign to it.

Members of the Executive Committee shall be jointly liable to the General Assembly of the execution of their collective mandate; and each of them shall answer about the mandate for which he/she was elected.

**<u>Article 16</u>: Meetings of the Executive Committee**

The Executive Committee at each level shall meet once (1) a quarter and whenever necessary.

1° s'assurer de la gestion journalière de l'Union ;

2° mettre en exécution les décisions de l'Assemblée Générale sauf celles que l'Assemblée Générale exécute elle-même;

3° mettre en place un système approprié de coordination des activités de toutes les structures de la filière apicole;

4° préparer à l'intention de l'Assemblée Générale tous les documents nécessaires en vue de l'accomplissement de sa mission;
5° plaider en faveur de la filière apicole dans les organes de prise de décisions ;

6° préparer le projet de budget et le soumettre à l'Assemblée Générale;

7° assurer toute autre tâche lui confiée par l'Assemblée Générale.

Les membres du Comité Exécutif répondent solidairement envers l'Assemblée Générale de l'exécution de leur mandat collectif et chacun d'entre eux peut être amené à répondre de l'exécution du mandat pour lequel il a été élu.

**<u>Article 16</u>: Réunions du Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif à chaque niveau se réunit une (1) fois par trimestre et chaque fois que de besoin.

Inama ya Komite Nyobozi itumirwa n'Umuhuzabikorwa abyibwirije cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Inama ya Komite Nyobozi iterana ari uko bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bahari.

Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu (3/5) by'amajwi y'abitabiriye inama.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Inyandikomvugo z'inama za Komite Nyobozi**

Inyandikomvugo z'Inama ya Komite Nyobozi zishyirwaho umukono n'abayigize bose bitabiriye inama.

**<u>Ingingo ya 19</u>: Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu**

Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu yohereza raporo y'ibikorwa byayo Inama Rusange ikagenera kopi Minisiteri ifite ubuvumvu mu nshingano zayo.

The meeting of the Executive Committee shall be invited by the Coordinator, on his/her own initiative or at the request of a third (1/3) of its members.

**<u>Article 17</u>: Quorum**

The quorum for the meeting of the Executive Committee to be held is two-thirds (2/3) of its members.

Decisions are taken by the majority vote of three fifths (3/5) of the members present in the meeting.

**<u>Article 18</u>: Minutes of meeting of the Executive Committee**

Minutes of the Executive Committee meetings shall be signed by all members present in the meeting.

**<u>Article 19</u>: Executive Committee at the national level**

The Executive Committee at national level shall submit its annual activity report to the General Assembly and reserve a copy to the ministry in charge of beekeeping.

Les réunions du Comité Exécutif sont convoquées par le Coordinateur, de sa propre initiative ou sur demande d'un tiers (1/3) de ses membres.

**<u>Article 17</u>: Quorum**

Le quorum requis pour la tenue d'une réunion du Comité Exécutif est de deux tiers (2/3) de ses membres.

Les décisions sont prises à la majorité de trois cinquième (3/5) des voix des membres présents.

**<u>Article 18</u>: Procès-verbaux des réunions du Comité Exécutif**

Les procès-verbaux des réunions du Comité Exécutif sont signés par tous les membres présents.

**<u>Article 19</u>: Comité Exécutif au niveau national**

Le Comité Exécutif au niveau national fait chaque année le rapport de ses activités et le soumet à l'Assemblée Générale et réserve une copie au Ministère ayant l'apiculture dans ses attributions.

**Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Buhoraho**

**Ingingo ya 20: Ubunyamabanga Buhoraho**

Ubunyamabanga Buhoraho buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho na Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu. Yunganirwa n'abakozi babiri (2) na bo bashyirwaho na Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu.

**Ingingo ya 21: Ishyirwaho ry'Umunyabanga Nshingwabikorwa n'abamwungiriza**

Umunyabanga Nshingwabikorwa n'abakozi bamwungirije bashyirwaho binyuze mu buryo bw'ipiganwa.

**Ingingo ya 22: Inshingano z'Ubunyamabanga buhoraho**

Ubunyamabanga Buhoraho ku rwego rw'Igihugu, ku Ntara no mu Mujyi wa Kigali bukora imirimo ya buri munsi y'Ihuriro.

Amategeko ngengamikorere y'Ihuriro agena inshingano z'abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

**Section 3: Permanent Secretariat**

**Article 20: Permanent Secretariat**

The Permanent Secretariat shall be headed by an Executive Secretary appointed by the Executive Committee at the national level.
He/she shall be assisted by two (2) officers also appointed by the Executive Committee at the national level.

**Article 21: Recruitment of the Executive Secretary and his/her assistants**

The Executive Secretary and his/her assistants shall be recruited through competitive process.

**Article 22: Responsibilities of the Permanent Secretariat**

The Permanent Secretariat at the National level, the Province and the City of Kigali, shall ensure the daily management of the Union.

Internal rules and regulations of the Union shall determine responsibilities of members of the Executive Secretariat.

**Section 3: Secrétariat Permanent**

**Article 20: Secrétariat Permanent**

Le Secrétariat Permanent est dirigé par un Secrétaire Exécutif affecté par le Comité Exécutif au niveau national. Il est assisté par deux (2) agents affectés aussi par le Comite Exécutif au niveau national.

**Article 21: Recrutement du Secrétaire Exécutif et ses assistants**

Le Secrétaire Exécutif et ses assistants sont recrutés suivant les procédures de basées sur la compétition.

**Article 22: Responsabilités du Secrétariat Permanent**

Le Secrétariat Permanent au niveau National, de la Province et de la Ville de Kigali assure la gestion journalière de l'Union.

Le règlement d'ordre intérieur de l'Union détermine les attributions respectives des membres du Secrétariat Exécutif.

**UMUTWE WA IV: UMUTUNGO W'IHURIRO**

**Ingingo ya 23: Umutungo w'Ihuriro**

Umutungo w'Ihuriro ugizwe n'umutungo wimukanwa n'utimukanwa.

**Ingingo ya 24: Inkomoko y'umutungo w'ihuriro**

Umutungo w'Ihuriro ukomoka aha hakurikira:

1° imisanzu y'abanyamuryango;

2° imfashanyo ziturka kuri Leta cyangwa abafatanyabikorwa;

3° impano n'indagano;

4° amafaranga akomoka ku mirimo y'Ihuriro ibyara inyungu;

5° amafaranga akomoka ku igurishwa ry'amakarita y'abanyamuryango.

**Ingingo ya 25: Kugenzura umutungo**

Inama Rusange yo ku rwego rw'Igihugu ishyiraho abagenzuzi bagenzura imikoreshereze y'umutungo w'Ihuriro.

Abagenzuzi bagenzura imikoreshereze y'umutungo w'Ihuriro buri mezi atandatu (6)

**CHAPTER IV: PROPERTY OF THE UNION**

**Article 23: Property of the Union**

The property of the Union shall be composed of movable and immovable property.

**Article 24: Sources of the property of the Union**

The property of the Union shall come from the following sources:

1° contributions from members;

2° grants from the State or stakeholders;

3° donations and bequests;

4° finances from the income generating activities of the Union;

5° sale of membership cards.

**Article 25: Audit of the Property**

General Assembly at national level shall appoint auditors to carry out audit of the Union's property.

The Auditors shall audit the Union's property every semester and monitor the implementation of

**CHAPITRE IV: PATRIMOINE DE L'UNION**

**Article 23: Composition du patrimoine**

Le patrimoine de l'Union est composé des biens meubles et immeubles.

**Article 24: Source du patrimoine de l'Union**

Le patrimoine de l'Union provient des sources suivantes :

1° cotisations des membres ;

2° subventions de l'Etat ou des partenaires ;

3° dons et legs ;

4° revenus issus des services prestés par l'Union ;

5° vente des cartes des membres.

**Article 25: Contrôle du patrimoine**

Le contrôle du patrimoine de l'Union est assuré par les commissaires aux comptes nommés par l'Assemblée Générale au niveau national.

Les Commissaires aux comptes sont chargés de la vérification semestrielle de l'utilisation du patrimoine

kandi bakanakurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa y'Ihuriro hakurikijwe amategeko ngengamikorere yarwo.

Abagenzuzi bakorera Inama Rusange raporo y'ubugenzuzi iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'aho barangirije gukora ubugenzuzi bakanagenera kopi Komite Nyobozi ku rwego rw'Igihugu na Minisiteri ifite ubuvumvu mu nshingano zayo.

**<u>UMUTWE WA V</u>: INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 26</u>: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi ashinzwe kubahiriza iri teka.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 16/01/2015

the Union's plan of action in accordance with internal rules and regulations.

Auditors shall submit their audit report to the General Assembly thirty (30) days after completion of the audit and reserve copies to the Executive Committee at the national level and to the Ministry in charge of beekeeping.

**<u>CHAPTER V</u>: FINAL PROVISIONS**

**<u>Article 26</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Agriculture and Animal Resources is entrusted with the implementation of this Order.

**<u>Article 27</u>: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**<u>Article 28</u>: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/01/2015

et la mise en application des programmes d'activités de l'Union conformément au règlement d'ordre intérieur.

Les Commissaires aux comptes font rapport à l'Assemblée Générale au moins trente (30) jours après la fin de l'Audit et réservent une copie au Comité Exécutif au niveau national et au Ministère ayant l'apiculture dans ses attributions.

**<u>CHAPITRE V</u>: DISPOSITIONS FINALES**

**<u>Article 26</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales est chargé de l'exécution du présent arrêté.

**<u>Article 27</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**<u>Article 28</u>: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/01/2015

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

(sé)
**MUKESHIMANA Géraldine**
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

(sé)
**MUKESHIMANA Géraldine**
Minister of Agriculture and Animal Resources

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

(sé)
**MUKESHIMANA Géraldine**
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEKA RYA MINISITIRI N°001/11.30 RYO KU WA 10/12/2014 RYEREKEYE ISUKU MU MWUGA W'UBUVUMVU N'IMIKORESHEREZE Y'IMITI MU BUVUMVU**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

**Ingingo 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: ISUKU Y'UMUVUMVU**

**Ingingo ya 3: Gusukura intoki**

**Ingingo ya 4: Gukoresha umwambaro wabugenewe usukuye**

**Ingingo ya 5: Kwirinda kwitsamura no gukororera hafi y'umuzinga**

**Ingingo ya 6: Kutanduza ibinyagu by'inzuki**

**Ingingo ya 7: Gukoresha isoko y'amazi ifite isuku**

**Ingingo ya 8: Ubugenzuzi buhoraho bwo gusukura inkweto z'umuvumvu**


**MINISTERIAL ORDER N°001/11.30 OF 10/12/2014 RELATING TO HYGIENE IN BEEKEEPING AND MODALITIES FOR USE OF TOXIC SUBSTANCES**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II: BEEKEEPER HYGIENE**

**Article 3: Washing hands**

**Article 4: Use of a clean appropriate beesuit**

**Article 5: Avoid sneezing and coughing over the hive**

**Article 6: Non contamination of the honey comb**

**Article 7: Use of clean source of water**

**Article 8: Regular washing of the gumboots of the beekeeper**


**ARRETE MINISTERIEL N°001/11.30 DU 10/12/2014 PORTANT HYGIENE ET MODALITES D'UTILISATION DES SUBSTANCES TOXIQUES DANS LA FILIERE APICOLE AU RWANDA**

**TABLES DES MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définitions of termes**

**CHAPITRE II: HYGIENE DE L'APICULTEUR**

**Article 3: Nettoyer les mains**

**Article 4: Port d'une tenue appropriée et propre**

**Article 5: Eviter d'éternuer et de tousser à proximité des ruches**

**Article 6: Non contamination du nid d'abeilles**

**Article 7: Usage d'une eau saine**

**Article 8: Nettoyage régulier des chaussures hygiéniques de l'apiculteur**

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA III: ISUKU Y'IMIZINGA Y'INZUKI N'IBINDI BIKORESHO** | **CHAPTER III: HYGIENE OF BEEHIVES AND OTHER EQUIPMENT** | **CHAPITRE III: HYGIENE DES RUCHES ET DES AUTRES EQUIPEMENTS** |
| **Icyiciro cya mbere: Isuku y'imizinga y'inzuki** | **Section One: Hygiene of beehives** | **Section premiere: Hygiène des ruches** |
| **Ingingo ya 9: Isuku y'imizinga y'inzuki** | **Article 9: Cleanliness of the beehives** | **Article 9: Propreté des ruches** |
| **Ingingo ya 10: Kumena ubuki hafi n'imizinga y'inzuki** | **Article 10: Spilling honey near the beehives** | **Article 10: Déversement du miel à proximité des ruches** |
| **Ingingo ya 11: Kugenzura imizinga y'inzuki ku buryo buhoraho** | **Article 11: Regular inspection of the beehive** | **Article 11: Inspection regilière du rucher** |
| **Ingingo ya 12: Kuvanaho umwanda uri hafi n'imizinga y'inzuki** | **Article 12: Removal of dirt from the viscinity of the beehives** | **Article 12: Enlèvement des saletés avoisinant le rucher** |
| **Ingingo ya 13: Gukoresha amazi meza** | **Article 13: Use of clean water** | **Article 13: Usage d'une eau propre** |
| **Icyiciro cya 2: Isuku y'ibindi bikoresho by'ubuvumvu** | **Section 2: Hygiene of other beekeeping equipment** | **Section 2: Hygiène d'autres équipements de l'apiculture** |
| **Ingingo ya 14: Gusukura udupfukantoki** | **Article 14: Cleaning the gloves** | **Article 14: Néttoyage des gants** |
| **Ingingo ya 15: Gusukura indobo ikoreshwa mu gusarura ubuki cyangwa ikindi gikoresho cyabugenewe** | **Article 15: Cleaning the harvesting bucket or any other appropriate equipment** | **Article 15: Nettoyage du seau ou de tout autre équipement approprié pour la cueillette du miel** |
| **Ingingo ya 16: Gusukura uburoso** | **Article 16: Washing the bee brush** | **Article 16: Nettoyage de la brosse** |
| **Ingingo ya 17: Kurinda ibikoresho inzuki zindi zigerageza kubigeraho** | **Article 17: Protect the equipment from the curiosity of and contact with other bees** | **Article 17: Protection des équipements contre toute tentative d'accession et le contact d'autres abeilles** |

Ingingo ya 18: Gutwika ibinyagu by'inzuki byose bitakifuzwa

UMUTWE WA IV: IMIKORESHEREZE Y'IMITI IHUMANYA MU BUVUMVU N'UBURYO BWO KWIRINDA UBWANDU MU MIRIMO Y'UBUVUMVU

Icyiciro cya mbere: Gukoresha imiti ihumanya ikoreshwa mu buhinzi

Ingingo ya 19: Imikoreshereze y'imiti yica udukoko mu buvumvu

Article 20: Gusaba amakuru ya ngombwa mbere yo gukoresha imiti ihumanya

Ingingo ya 21: Igihe gikwiye cyo gukoresha imiti yica udukoko ihumanya

Icyiciro cya 2: Uburyo bwo kwirinda ubwandu mu mirimo y'ubuvumvu

Ingingo ya 22: Kwirinda gukoresha ibikoresho bishaje

Ingingo ya 23: Gukuramo ibinyagu bifite ubwandu

Ingingo ya 24: Kwirinda iyibwa ry'ubuki

Ingingo ya 25: Gufunga irumbo ry'inzuki ryapfuye

Article 18: Burn all the unwanted combs

CHAPTER IV: MODALITIES FOR USE OF TOXIC SUBSTANCES IN BEEKEEPING AND PREVENTION OF CONTAMINATION IN BEEKEEPING

Section One: Use of toxic substances used in agriculture

Article 19: Use of toxic substances in beekeeping

Article 20: Seek relevant information before spraying toxic substances

Article 21: Appropriate time for spraying toxic substances

Section 2: Prevention of contamination in beekeeping

Article 22: Avoid the usage of used equipment

Article 23: Remove infected honey combs

Article 24: Prevent honey theft

Article 25: Close dead colonies

Article 18: Brûler tous les nids d'abeilles indésirables

CHAPITRE IV: MODALITES D'UTILISATION DES SUBSTANCES TOXIQUES ET PREVENTION DE CONTAMINATION DANS LA FILIERE APICOLE

Section première: Usages des substances toxiques utilisées dans l'agriculture

Article 19: Usages des substances toxiques dans l'apiculture

Article 20: Demande d'information utile avant de pulvériser les substances toxiques

Article 21: Temps approprié pour pulvériser les substances toxiques

Section 2: Prévention de contamination dans l'apiculture

Article 22: Eviter l'usage des produits d'occasion

Article 23: Enlèvement des nids d'abeilles infectés

Article 24: Prévention du vol du miel

Article 25: Suppression de la colonie d'abeilles

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 26: Ibuzwa ry'imurika ry'ubuki cyangwa ibindi bikomoka ku buki bifite ubwandu** | **Article 26: Prohibit exhibition of infected honey or any bee product** | **Article 26: Interdiction d'exposition du miel et des produits apicoles infectés** |
| **Ingingo ya 27: Ubugenzuzi buhoraho** | **Article 27: Regular inspection** | **Article 27: Inspection régulière** |
| **Ingingo ya 28: Kumenyekanisha indwara yandura cyangwa utundi dukoko** | **Article 28: Declaration of a contagious disease or other pests** | **Article 28: Déclaration d'une maladie contagieuse ou de tout autre insecte ravageur** |
| **UMUTWE WA V: INGAMBA ZIFATWA MU GIHE HAKEKWA CYANGWA HEMEJWE INDWARA Y'INZUKI** | **CHAPTER V: TAKEN MEASURES IN CASE OF SUSPECTED OR CONFIRMED BEE DISEASE** | **CHAPITRE V: MESURES PRISES EN CAS DE SUSPICION OU DE CONFIRMATION D'UNE MALADIE REPUTEE CONTAGIEUSE DES ABEILLES** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingamba zifatwa igihe hakekwa indwara y'inzuki yandura** | **Section One: Taken measures in case of a suspected bee disease** | **Section première: Mesures prises en cas de suspicion d'une maladie contagieuse des abeilles** |
| **Ingingo ya 29: Ingamba zifatwa igihe hakekwa indwara yandura y'inzuki mu muzinga** | **Article 29: Taken measures in case of suspicion of any contagious disease in a hive** | **Article 29: Mesures prises en cas de suspicion de maladie réputée contagieuse dans une ruche** |
| **Ingingo ya 30: Isuzuma ry'indwara** | **Article 30: Epidemiological investigation** | **Article 30: Enquête épidémiologique** |
| **Ingingo ya 31: Ingamba zifatwa igihe hemejwe ko hari indwara y'inzuki yandura** | **Article 31: Measures taken in case of a confirmed contagious bee disease** | **Article 31: Mesures prises en cas de confirmation de maladie réputée contagieuse des abeilles** |
| **Ingingo ya 32: Ingamba zifatwa mu gace kagomba kurindwa uburwayi** | **Article 32: Measures taken in a protected zone** | **Article 32: Mesures prises dans la zone de confinement** |
| **Ingingo ya 33: Ingamba zikurikizwa mu gace k'ubugenzuzi** | **Article 33: Measures taken in the surveillance zone** | **Article 33: Mesures prises dans la zone de contrôle** |
| **Ingingo ya 34: Inshingano yo kuba bahibereye** | **Article 34: Obligation to be present** | **Article 34: Obligation de présence** |

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 36: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 35: Repealing provision**

**Article 36: Commencement**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 35: Disposition abrogatoire**

**Article 36: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°001/11.30 RYO KU WA 10/12/2014 RYEREKEYE ISUKU MU MWUGA W'UBUVUMVU N'IMIKORESHEREZE Y'IMITI MU BUVUMVU**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko nº 54/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 139 n'iya 140;

Ashingiye ku Itegeko nº 30/2012 ryo ku wa 01/08/2012 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi;

Ashingiye ku Itegeko n° 25/2013 ryo ku wa 10/05/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'ubuvumvu mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12 n'iya 13;

Inama y' Abaminisitiri yateranye ku wa 09/ 06/2014, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**MINISTERIAL ORDER N°001/11.30 OF 10/12/2014 RELATING TO HYGIENE IN BEEKEEPING AND MODALITIES FOR USE OF TOXIC SUBSTANCES**

**The Minister of Agriculture and Animal Resources;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law nº 54/2008 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious diseases for domestic animals in Rwanda, especially in Articles 139 and 140;

Pursuant to Law nº 30/2012 of 01/08/2012 governing agro-chemicals;

Pursuant to Law n° 25/2013 of 10/05/2013 determining the organization and functioning of beekeeping in Rwanda, especially in Articles 12 and 13;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/06/ 2014;

**ARRETE MINISTERIEL N°001/11.30 DU 10/12/2014 PORTANT HYGIENE ET MODALITES D'UTILISATION DES SUBSTANCES TOXIQUES DANS LA FILIERE APICOLE AU RWANDA**

**Le Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales;**

Vu la Constitution du Rwanda du 04 Juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 54/2008 du 10/09/2008 portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda, spécialement en ses articles 139 et 140;

Vu la Loi n° 30/2012 du 01/08/2012 portant utilisation des produits agro-chimiques;

Vu la Loi n° 25/2013 du 10/05/2013 déterminant l'organisation et le fonctionnement de l'apiculture au Rwanda, spécialement en ses articles 12 et 13;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa seance du 09/06/2014;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije**

Iri teka ryerekeranye n'isuku mu mwuga w'ubuvumvu n'imikoreshereze y'imiti mu buvumvu.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **Umwambaro wabugenewe:** umwambaro umuvumvu akoresha nk'uko bigaragara mu mabwiriza ya Minisitiri yerekeranye n'aho kwagika imizinga y'inzuki, ibikoresho bikoreshwa mu guhakura ubuki, n'itangwa ry'icyamgombwa cy'ubuvumvu;

2º **Urwego rubifitiye ububasha:** serivisi ishinzwe ubuvuzi bw'amatungo ibarizwa ku rwego rw'Umurenge.

**UMUTWE WA II: ISUKU Y'UMUVUMVU**

**Ingingo ya 3: Gusukura intoki**

Mbere yo gukora umurimo wose ujyanye no

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order relates to hygiene in beekeeping and modalities for use of toxic substances in beekeeping.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purpose of this Order, the following terms shall have the following meanings:

1º **Appropriate beesuit:** a protective cloth a beekeeper uses as prescribed in the ministerial instructions relating to positioning of beehives, honey harvesting equipment and issuance of beekeeping certificate;

2º **Competent authority**: veterinary service at the Sector level.

**CHAPTER II: BEEKEEPER HYGIENE**

**Article 3: Washing hands**

Before starting any beekeeping activity relating to

**ARRETE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté porte sur l'hygiène et les modalités d'utilisation des susbsances toxiques dans la filière apicole.

**Article 2: Définitions of termes**

Aux fins du présent arrêté, les termes suivants ont des significations suivantes :

**1º** **Une tenue appropriée :** tenue portée par l'appiculteur telle que décrite par les instructions ministérielles relatives au positionnement des ruchers, au matériel pour la récolte du miel et à la délivrance du certificat d'apiculture ;

2º **Autorité compétente** signifie le service véterinaire au niveau de Secteur.

**CHAPITRE II: HYGIENE DE L'APICULTEUR**

**Article 3: Nettoyer les mains**

Avant de commencer toute activité en rapport avec la

guhakura, gutunganya no kubika ubuki, umuvumvu abanza gukaraba intoki n'isabune agategereza ko intoki zumuka atagombye kwihanagura.

**Ingingo ya 4: Gukoresha umwambaro wabugenewe usukuye**

Umuvumvu wese agomba gukoresha umwambaro wabugenewe usukuye kandi udafite ibizinga by'ibiribwa, iby'irumbo ry'inzuki cyangwa iby'ibikomoka ku buki.

Imiterere y'umwambaro wabugenewe w'abakozi bakora umurimo w'ubuvumvu iteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri.

**Ingingo ya 5: Kwirinda kwitsamura no gukororera hafi y'umuzinga**

Umuvumvu wese agomba kwirinda kwitsamura cyangwa gukororera ku muzinga w'inzuki kandi agakoresha uburyo bwiza bw'ubwiherero.

**Ingingo ya 6: Kutanduza ibinyagu by'inzuki**

Umuvumvu wese agomba kwirinda kwanduza ikinyagu cy'inzuki gishobora kuba cyakoreshwa.

**Ingingo ya 7: Gukoresha isoko y'amazi ifite isuku**

Umuvumvu agomba gukoresha isoko y'amazi ifite isuku.

harvesting, processing and packing of honey, a beekeeper shall wash hands with soap and running water thoroughly well and dry in the open air.

**Article 4: Use of a clean appropriate beesuit**

Every beekeeper must use a clean beesuit and free from any exposure to other sources of food contamination, bee colonies or any of bee products.

Ministerial instructions shall determine the description of the beesuit of the staff in beekeeping activity.

**Article 5: Avoid sneezing and coughing over the hive**

Every beekeeper must avoid sneezing and coughing over the hive and shall have a suitable method of disposing of body secretions.

**Article 6: Non contamination of the honey comb**

Every beekeeper must avoid contaminating the honey comb that may be used.

**Article 7: Use of clean source of water**

A beekeeper must use a clean source of water.

récolte, le traitement et le conditionnement du miel, l'apiculteur doit se laver les mains à l'aide de l'eau et du savon et les sécher à l'air libre.

**Article 4: Port d'une tenue appropriée et propre**

Tout apiculteur doit avoir une tenue appropriée et propre, ne comportant pas des tâches pouvant être à l'origine d'intoxication alimentaire, de la colonie d'abeille ou de tout produit apicole.

Les instructions du Ministre determine la description de la tenue vestimentaire du personnel dans l'apiculture.

**Article 5: Eviter d'éternuer et de tousser à proximité des ruches**

Tout apiculteur doit éviter d'éternuer et de tousser à proximité des ruches et doit disposer d'un lieu d'aisance approprié.

**Article 6: Non contamination du nid d'abeilles**

Tout apiculteur doit eviter de contaminer tout nid d'abeille pouvant être utilisé.

**Article 7: Usage d'une eau saine**

Tout apiculteur doit utiliser une source d'eau saine.

**Ingingo ya 8: Ubugenzuzi buhoraho bwo gusukura inkweto z'umuvumvu**

Umuvumvu wese agomba gusukura inkweto ze ku buryo buhoraho byumwihariko mu gihe amaze kugenzura irumbo ry'inzuki kugira ngo hirindwe ihererekanya ry'ubwandu.

**UMUTWE WA III: ISUKU Y'IMIZINGA Y'INZUKI N'IBINDI BIKORESHO**

**Icyiciro cya mbere: Isuku y'imizinga y'inzuki**

**Ingingo ya 9: Isuku y'imizinga y'inzuki**

Umuvumvu wese agomba gusukura umuzinga w'inzuki.

Umuvumvu wese agomba kandi koza neza umuzinga w'inzuki akoresheje uburoso. Ibice bigize umuzinga kandi nabyo bigomba gusukurwa hakoresheje isabune yabugenewe.

Imizinga itarimo inzuki n'ibice byayo bigomba guhindurwa bibanza guterwa imiti yabugenewe yica udukoko mbere y'uko ishyirwamo inzuki.

**Ingingo ya 10: Kumena ubuki hafi n'imizinga y'inzuki**

Umuvumvu wese agomba kutamena ubuki n'ibibukomokaho hafi n'imizinga y'inzuki.

**Article 8: Regular washing of the gumboots of the beekeeper**

Every beekeeper must wash his/her footwear regularly especially between colony inspections to avoid introduction of any contamination.

**CHAPTER III: HYGIENE OF BEEHIVES AND OTHER EQUIPMENT**

**Section One: Hygiene of beehives**

**Article 9: Cleanliness of the beehives**

Every beekeeper must always keep clean his/her beehive.

Every beekeeper must also scrub the beehives thoroughly well using a wired brush. Components of the beehive must also be washed using appropriate detergent.

Empty beehives and replacement parts of the beehives must be disinfected before bees are placed inside.

**Article 10: Spilling honey near the beehives**

Every beekeeper must avoid spilling honey and its products near the beehives. Leaving honey of any

**Article 8: Nettoyage régulier des chaussures hygiéniques de l'apiculteur**

Tout apiculteur doit régulièrement nettoyer ses chaussures hygiéniques, plus particulièrement après avoir fréquenté la colonie d'abeilles afin d'éviter toute contamination.

**CHAPITRE III: HYGIENE DES RUCHES ET DES AUTRES EQUIPEMENTS**

**Section première: Hygiène des ruches**

**Article 9: Propreté des ruches**

Tout apiculteur doit assurer la propreté des ruches.

Tout apiculteur doit convenablement nettoyer les ruches au moyen d'une brosse. Les parties de la ruche doivent également être nettoyées au moyen d'un détergent approprié.

Les ruches vides et ses parties devant être remplacés doivent préalablement être désinfectées avant un nouveau peuplement d'abeilles.

**Article 10: Déversement du miel à proximité des ruches**

Tout apiculteur doit éviter tout déversement du miel et des produits du miel à proximité des ruches. Toute

Kwandarika ubuki aho inzuki zabugeraho, aho bwaba bukomoka hose birabujijwe.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Kugenzura imizinga y'inzuki ku buryo buhoraho**

Umuvumvu wese agomba kugenzura uruvumvu rw'inzuki ku buryo buhoraho kugira ngo amenye imibereho n'ibyo inzuki zifuza.

Umuvumvu kandi agomba kugenzura uruvumvu mu gihe inzuki zifite akazi kenshi mu muzinga wazo.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Kuvanaho umwanda uri hafi n'imizinga y'inzuki**

Umuvumvu wese agomba kuvana umwanda uwo ari wo wose, pubeli n'ibishingwe ahantu hose hegereye uruvumvu.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Gukoresha amazi meza**

Umuvumvu wese agomba gukoresha amazi meza ku nzuki no ku mizinga yazo. Agomba kandi gukura hafi y'uruvumvu amazi mabi inzuki zishobora gukoresha.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Isuku y'ibindi bikoresho by'ubuvumvu**

**<u>Ingingo ya 14</u>: Gusukura udupfukantoki**

Umuvumvu wese agomba gusukura

origin where bees can access it is prohibited.

**<u>Article 11</u>: Regular inspection of the beehive**

Every beekeeper must carry out regular inspections of the beehive to ascertain the condition and needs of the bees.

The beekeeper also must inspect the beehive during build-up periods when there is intense activity in the hive.

**<u>Article 12</u>: Removal of dirt from the viscinity of the beehives**

Every beekeeper must remove all dirt, dustbins and rubbish from the viscinity of the apiary.

**<u>Article 13</u>: Use of clean water**

Every beekeeper must use clean water for bees and hives. He/she shall also remove stagnant water that bees may access.

**<u>Section 2</u>: Hygiene of other beekeeping equipment**

**<u>Article 14</u>: Cleaning the gloves**

Every beekeeper must wash his/her gloves in

exposition du miel à la portée des abeilles est interdite, quelle que soit leur origine.

**<u>Article 11:</u> Inspection regulière du rucher**

Tout apiculteur doit faire une inspection régulière du rucher pour se rendre compte des conditions et des besoins des abeilles.

L'apiculteur doit également faire une inspection du rucher en cas d'une activité intense des abeilles dans la ruche.

**<u>Article 12</u>: Enlèvement des saletés avoisinant le rucher**

Tout apiculteur doit enlever toute saleté, poubelles et ordures avoisinant le rucher.

**<u>Article 13:</u> Usage d'une eau propre**

Tout apiculteur doit utiliser une eau propre pour les abeilles et les ruches. Il doit également éloigner du rucher les eaux sales pouvant être à la portée des abeilles pour usage.

**<u>Section 2:</u> Hygiène d'autres équipements de l'apiculture**

**<u>Article 14</u>: Néttoyage des gants**

Tout apiculteur doit nettoyer ses gants dans une eau

udupfukantoki twe akoresheje isabune yabugenewe kugira ngo yirinde gukwirakwiza ubwandu mu nzuki.

Udupfukantoki kandi dushobora guhindurwa mu gihe bibaye ngombwa.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Gusukura indobo ikoreshwa mu gusarura ubuki cyangwa ikindi gikoresho cyabugenewe**

Umuvumvu wese agomba gusukura indobo ikoreshwa mu guhakura ubuki cyangwa ikindi gikoresho cyabugenewe igihe cyose agiye guhakura ubuki.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Gusukura uburoso**

Umuvumvu wese agomba gusukura uburoso bwe n'agasanduku bubikwamo kugira ngo butagira ibisigarizwa by'ubuki busigarana bishobora gutuma inzuki zibikurikirana n'ahantu hafite ubwandu.

**<u>Ingingo ya 17</u>: Kurinda ibikoresho inzuki zindi zigerageza kubigeraho**

Umuvumvu wese agomba kurinda igikoresho icyo ari cyo cyose inzuki zishaka kwegera kandi akazirinda kuba zakwegera izindi nzuki zifite ubwandu.

soapy water to reduce the risk of spreading infection to bees.

Gloves also can be changed if considered necessary.

**<u>Article 15</u>: Cleaning the harvesting bucket or any other appropriate equipment**

A beekeeper must clean the harvesting bucket or any other appropriate equipment at all times he/she is going to harvest honey.

**<u>Article 16</u>: Washing the bee brush**

Every beekeeper must wash the bee brush and clean the kit box to avoid honey residues on them which may attract the bees to contaminated places.

**<u>Article 17</u>: Protect the equipment from the curiosity of and contact with other bees**

Every beekeeper must protect any beekeeping equipment from curiosity and contact with any other bees which may be infected.

savonnée pour réduire le risque d'expansion des infections contagieuses des abeilles.

Les gants peuvent aussi être changés chaque fois que de besoins.

**<u>Article 15</u>: Nettoyage du seau ou de tout autre équipement approprié pour la cueillette du miel**

Tout apiculteur doit nettoyer le seau ou tout autre équipement approprié pour la cueillette du miel toutes les fois qu'il entreprend la cueillette du miel.

**<u>Article 16</u>: Nettoyage de la brosse**

Tout apiculteur doit nettoyer la brosse d'apiculture et la boîte de conservation de celle-ci afin d'éviter qu'il n'y ait des résidues de miel qui y restent collés et pouvant attirer les abeilles dans des lieux contaminés.

**<u>Article 17</u>: Protection des équipements contre toute tentative d'accession et le contact d'autres abeilles**

Tout apiculteur doit protéger les équipements d'apiculture contre toute tentative d'accession et le contact de toute autre abeille suspectée d'infection.

**Ingingo ya 18: Gutwika ibinyagu by'inzuki byose bitakifuzwa**

Ibinyagu by'inzuki byose bitakifuzwa cyangwa ibifite ubwandu bigomba gutwikwa kugira ngo bitanduza ubuki cyangwa ikindi gikoresho cy'ubuvumvu.

**UMUTWE WA IV: IMIKORESHEREZE Y'IMITI IHUMANYA MU BUVUMVU N'UBURYO BWO KWIRINDA UBWANDU MU MIRIMO Y'UBUVUMVU**

**Icyiciro cya mbere: Gukoresha imiti ihumanya ikoreshwa mu buhinzi**

**Ingingo ya 19: Imikoreshereze y'imiti yica udukoko mu buvumvu**

Umuntu wese ukoresha imiti ihumanya ikoreshwa mu buhinzi agomba kubikora gusa:

1º mbere y'igihe cy'uruyange cyangwa mu gihe indabyo zahungutse;

2º mu gihe iyo imiti yica udukoko idafite ingaruka mbi ku nzuki;

3º iyo iyo miti idashobora kwica inzuki;

4º mu gihe iyo miti idashobora kwanduza ubuki n'ibikomoka ku buki.

**Article 18: Burn all the unwanted combs**

All unwanted combs or those identified with any infection must be burnt to avoid contamination with honey or any other beekeeping tool.

**CHAPTER IV: MODALITIES FOR USE OF TOXIC SUBSTANCES IN BEEKEEPING AND PREVENTION OF CONTAMINATION IN BEEKEEPING**

**Section One: Use of toxic substances used in agriculture**

**Article 19: Use of toxic substances in beekeeping**

Any person who sprays toxic substances used in agriculture must do so only:

1º before the flowering period or after flowers have withered away;

2º if the bees cannot suffer any harmful effects;

3º if the toxic substance may not lead to death of bees;

4º if the substance may not intoxicate honey or any other honey product.

**Article 18: Brûler tous les nids d'abeilles indésirables**

Tous les nids d'abeilles indésirables ou ceux jugés infectés doivent être brûlés afin d'éviter la contamination du miel ou de tout autre objet utilisé dans l'apiculture.

**CHAPITRE IV: MODALITES D'UTILISATION DES SUBSTANCES TOXIQUES ET PREVENTION DE CONTAMINATION DANS LA FILIERE APICOLE**

**Section première: Usages des substances toxiques utilisées dans l'agriculture**

**Article 19: Usages des substances toxiques dans l'apiculture**

Toute personne utilisant les substances toxiques dans l'agriculture le fait seulement:

1º avant ou après la floraison;

2º dans le cas où ces substances toxiques n'ont aucun effet toxique sur les abeilles;

3º dans le cas où ces substances ne peuvent pas tuer les abeilles;

4º dans le cas où les substances ne peuvent avoir aucun effet d'intoxication sur le miel et ses produits.

**Ingingo ya 20: Gusaba amakuru ya ngombwa mbere yo gukoresha imiti ihumanya**

Umuntu wese wifuza gukoresha imiti ihumanya agomba kubanza gusaba amakuru ya ngombwa mu rwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 21: Igihe gikwiye cyo gukoresha imiti yica udukoko ihumanya**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 20 y'iri teka, umuntu wese wifuza gukoresha imiti ihumanya agomba kubikora mu masaha ya nimugoroba izuba rirenga igihe inzuki ziba zisubira mu mizinga yazo.

Icyakora, umuntu wese ushyira mu bikorwa ibikubiye mu gika cya mbere cy'iyi ngingo agomba gukoresha imiti yica udukoko ihumanya byoroheje kugira ngo agabanye imfu z'inzuki.

**Icyiciro cya 2: Uburyo bwo kwirinda ubwandu mu mirimo y'ubuvumvu**

**Ingingo ya 22: Kwirinda gukoresha ibikoresho bishaje**

Umuvumvu wese agomba gukora uko ashoboye akagura ibikoresho biteye ku buryo bukurikira:

1º igikoresho cy'ubuvumvu gishya kugira ngo yirinde gukoresha igishaje;

**Article 20: Seek relevant information before spraying toxic substances**

Any person who intends to use a toxic substance shall seek necessary information from relevant authority before spraying the toxic substance.

**Article 21: Appropriate time for spraying toxic substances**

Without prejudice to provisions of Article 20 of this Order, any person who intends to spray any toxic substance must do so in evening hours during sunset when the bees return to their hives.

However, any person who implements provisions of Paragraph One of this Article must always use less toxic substances in order to reduce bee mortality.

**Section 2: Prevention of contamination in beekeeping**

**Article 22: Avoid the usage of used equipment**

Every beekeeper must strive to purchase equipment described as follows:

1º a new beekeeping equipment in order to avoid using an old equipment;

**Article 20: Demande d'information utile avant de pulvériser les substances toxiques**

Toute personne désireuse de pulvériser les substances toxiques doit s'enquérir de toute information nécessaire auprès de l'autorité compétente.

**Article 21: Temps approprié pour pulvériser les substances toxiques**

Sans préjudice des dispositions de l'article 20 du présent arrêté, toute personne désireuse de pulvériser une substance toxique doit le faire dans les heures du coucher du soleil à la rentrée des abeilles dans leurs ruches.

Cependant, toute personne qui applique les dispositions de l'alinéa premier du présent article doit toujours utiliser une quantité réduite des substances toxiques afin de réduire la mortalité des abeilles.

**Section 2: Prévention de contamination dans l'apiculture**

**Article 22: Eviter l'usage des produits d'occasion**

Tout apiculteur doit veiller à achéter les équipements décrits de la manière suivante:

1º un équipement neuf pour éviter d'utiliser des produits d'occasion;

2º igikoresho cy'ubuvumvu cyoroshye gusukura kandi kitanagoranye mu gukurikirana kugira ngo hakumirwe ihererekanya ry'indwara, udukoko na virusi.

**Ingingo ya 23: Gukuramo ibinyagu bifite ubwandu**

Umuvumvu wese agomba gukuramo ibinyagu bifite ubwandu akabishyira mu irumbo ry'inzuki rifite ibimenyetso by'ubwandu.

Ibinyagu bifite ubwandu bigomba gutwikwa.

**Ingingo ya 24: Kwirinda iyibwa ry'ubuki**

Mu kwirinda ko inzuki ziba ubuki, umuvumvu agomba:

1º gukura ibice by'ibinyagu bifite ibisigazwa by'ubuki hafi y'uruvumvu;

2º kutemera ko ibinyagu by'inzuki byuma;

3º kugaburira neza inzuki ze;

4º kudakomeza kubika inzuki zapfuye n'irumbo ry'inzuki rifite intege nke.

2º a beekeeping equipment which is easy to clean and not difficult to treat in order to prevent spread of disease, pests and virus.

**Article 23: Remove infected honey combs**

A beekeeper must remove contaminated combs completely by transferring them in one operation to the colonies with disease symptoms.

Contaminated honey combs must be burnt.

**Article 24: Prevent honey theft**

To prevent honey theft by bees, a beekeeper must:

1º to remove all pieces of honey laden comb around the apiary;

2º to avoid the drying of honey combs;

3º to feed properly the bees;

4º not to maintain dead bees and weak colonies.

2º des équipements d'apiculture faciles à nettoyer et à contrôler dans le but de prévenir la transmission des maladies, parasites et des virus.

**Article 23: Enlèvement des nids d'abeilles infectés**

Tout apiculteur doit en une seule action enlever complètement les nids d'abeilles contaminés en les mettant dans une colonie d'abeilles présentant des signes de contamination.

Les nids d'abeilles contaminés doivent être brûlés.

**Article 24: Prévention du vol du miel**

Pour prévenir le vol du miel par les abeilles, l'apuculteur doit :

1º éloigner les morceaux de nids d'abeilles comportant les résidues du miel de la proximité du rucher;

2º éviter le dessèchement des nids d'abeilles;

3º donner proprement aux abeilles les aliments;

4º éviter de conserver les abeilles mortes et les colonies d'abeilles affaiblies.

**Ingingo ya 25: Gufunga irumbo ry'inzuki ryapfuye**

Umuvumvu agomba gufunga irumbo ry'inzuki ryapfuye kandi ibikoresho bikangizwa. Umuvumvu agomba gutandukanya irumbo ry'inzuki zifite ubwandu n'irumbo rizima.

**Ingingo ya 26: Ibuzwa ry'imurika ry'ubuki cyangwa ibindi bikomoka ku buki bifite ubwandu**

Nta muntu wemerewe kumurika ubuki cyangwa ibikomoka ku buki bifite ubwandu bw'indwara y'ubuki cyangwa utundi dukoko dushobora gutera inzuki indwara.

**Ingingo ya 27: Ubugenzuzi buhoraho**

Umuvumvu agomba kugenzura neza irumbo ry'inzuki ze ku buryo buhoraho kugira ngo amenye hakiri kare ibimenyetso by'indwara y'inzuki yandura cyangwa utundi dukoko dushobora kwanduza inzuki.

Umuvumvu kandi agomba kugenzura neza buri kinyagu cy'inzuki kigaragara ko gifite intege nke.

**Ingingo ya 28: Kumenyekanisha indwara yandura cyangwa utundi dukoko**

Umuvumvu wese umenye ibimenyetso by'indwara y'inzuki yandura cyangwa udukoko

**Article 25: Close dead colonies**

A beekeeper must close any dead colony so that bees do not enter and equipment should be destroyed. A beekeeper must separate the diseased colony and healthy colony.

**Article 26: Prohibit exhibition of infected honey or any bee product**

No person shall be permitted to exhibit honey or any bee product infected with any bee disease or any germs that may spread diseases to bees.

**Article 27: Regular inspection**

A beekeeper must conduct through inspection of his/her colonies regularly in order to detect early signs of any contagious disease or pests that may attack bees.

The beekeeper also must inspect thoroughly every comb that is noticeably weak.

**Article 28: Declaration of a contagious disease or other pests**

Any beekeeper who notices any signs of any contagious bee disease or any existence of pests

**Article 25: Suppression de la colonie d'abeilles**

L'apiculteur doit supprimer la colonie d'abeilles morte pour empêcher les abeilles d'entrer et détruire l'équipement. Il doit séparer les colonies mortes et celles vivantes.

**Article 26: Interdiction d'exposition du miel et des produits apicoles infectés**

Personne n'est autorisé à exposer du miel ou tout autre produit apicole infecté de quelque maladie d'abeille que ce soit ou portant tout autre germe contagieux.

**Article 27: Inspection régulière**

Tout apiculteur doit régulièrement inspecter les colonies d'abeilles afin qu'il soit au courant des symptômes de maladies transmissibles des abeilles ou de toutes autres parasites pouvant infecter les abeilles.

L'apiculteur doit également soigneusement inspecter tout nid d'abeille présentant les signes de fragilité.

**Article 28: Déclaration d'une maladie contagieuse ou de tout autre insect ravageur**

Tout apiculteur qui constate tout symptôme de maladie contagieuse d'abeille ou toute existence des

dushobora kwanduza inzuki indwara, cyangwa ufite ibikoresho by'ubuvumvu byanduye indwara y'inzuki ahita abimenyesha urwego rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA V: INGAMBA ZIFATWA MU GIHE HAKEKWA CYANGWA HEMEJWE INDWARA Y'INZUKI**

**Icyiciro cya mbere: Ingamba zifatwa igihe hakekwa indwara y'inzuki yandura**

**Ingingo ya 29: Ingamba zifatwa igihe hakekwa indwara yandura y'inzuki mu muzinga**

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 139 y'Itegeko nº 54/2004 of 10/09/2008 rigena uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduza amatungo mu Rwanda, umuyobozi w'Akarere abigiriwemo inama n'ubuyobozi bw'ubuvuzi bw'amatungo, ategeka ibi bikurikira:

1º kubarura no gusuzuma amarumbu y'inzuki;

2º gufata ibisuzumwa bikenewe bigashyikirizwa amasuzumiro yemewe kugira go hemezwe cyangwa hahakanwe indwara y'inzuki yandura;

3º kubuza iyinjizwa mu ruvumvu rukekwamo

that may transmit disease to bees, or any beekeeper who owns infected beekeeping quipment shall immediately declare it to the competent authority.

**CHAPTER V: TAKEN MEASURES IN CASE OF SUSPECTED OR CONFIRMED BEE DISEASE**

**Section One: Taken measures in case of a suspected bee disease**

**Article 29: Taken measures in case of suspicion of any contagious disease in a hive**

Without prejudice to the provisions of Article 139 of the Law nº 54/2004 of 10/09/2008 determining the prevention and fight against contagious disease for domestic animals in Rwanda, the District Mayor shall, upon proposal by the veterinary service, order the following:

1º to identify and examin the bee colonies;

2º to take necessary samples for diagnosis by accreditated laboratories in order to confirm or reject a suspected bee disease;

3º prohibit the introduction of hives whether

ravageurs pouvant transmettre des maladies aux abeilles ou tout apiculteur possédant des équipements apicoles infectés doit immédiatement en aviser l'autorité compétente.

**CHAPTRE V: MESURES PRISES EN CAS DE SUSPICION OU DE CONFIRMATION D'UNE MALADIE REPUTEE CONTAGIEUSE DES ABEILLES**

**Section première: Mesures prises en cas de suspicion d'une maladie contagieuse des abeilles**

**Article 29: Mesures prises en cas de suspicion de maladie réputée contagieuse dans une ruche**

Sans préjudice aux dispositions de l'article 139 de la Loi nº 54/2004 du 10/09/2008 portant règlement de la police sanitaire des animaux domestiques au Rwanda, le Maire de District doit, sur proposition du service véterinaire, ordonner ce qui suit:

1º recenser et examiner les colonies d'abeilles ;

2º effectuer les prélèvements nécessaires pour un diagnostic par les laboratoires accrédités pour infirmer ou confirmer une maladie contagieuse des abeilles;

3º interdire une introduction dans le rucher suspect

indwara, imizinga yaba irimo inzuki cyangwa ntazo, inzuki, inziru, ibikoresho by'ubuvumvu n'ibibikomokaho;

4º gukusanya no gutwika inzuki zapfuye;

5º gukorera isuku, gukuraho imyanda cyangwa gutwika ibikoresho byose byakoreshejwe mu ruvumvu hakurikijwe amabwiriza ateganyijwe kandi hakoreshejwe imiti itegetswe;

6º gushyira mu bikorwa isuzumwa ry'indwara.

Ibisuzumwa bikenewe biteganywa mu gace ka 2 k'igika cya mbere cy'iyi ngingo bishobora kuba inzuki nzima cyangwa izapfuye, igishashara gifite ibyana, ibikomoka ku bworozi bw'inzuki n'ibikoresho by'ubuvumvu, bitewe n'uko uburwayi bumeze.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Isuzuma ry'indwara**

Isuzuma ry'indwara rikozwe igihe hakekwa indwara yandura rikorwa kuri ibi bikurikira:

1º inkomoko n'uburyo bushoboka bwo kwandura bw'urwo ruvumvu;

2º ingendo z'imizinga, iz'amarumbo y'inzuki, iz'ibikomoka ku buvumvu n'ibikoresho by'ubuvumvu biva cyangwa bijya ahari imizinga ifite ikibazo;

populated or not, bees, queens, beekeeping equipment and bee products into the suspected apiary;

4º collect and burn dead bees;

5º to clean and disinfect or destroy all equipment used in the operation of the apiary following an appropriate procedure and using appropriate products;

6º to carry out an epidemiological survey.

The necessary samples provided for in item 2 of Paragraph One of this Article may be live or dead bees, brood, bee products and beekeeping equipment, as the case may be.

**<u>Article 30:</u> Epidemiological investigation**

The epidemiological investigation carried out in case of a suspected contagious disease shall address:

1º the origin and possible mode of contamination of the apiary;

2º the movement of hives, bee colonies, bee products and all beekeeping equipment to or from the infected apiaries;

de ruches, peuplées ou non, d'abeilles, de reines, de matériel d'apiculture et des produits d'apiculture;

4º collecter et examiner les abeilles mortes;

5º nettoyer, désinfecter ou détruire tout le matériel ayant servi à l'exploitation du rucher selon une procédure appropriée et au moyen de produits autorisés;

6º mettre en œuvre une enquête épidémiologique.

Les prélèvements nécessaires prévus au point 2 de l'alinéa premier du présent article peuvent concerner les abeilles mortes ou vivantes, le couvain, l'ensemble des produits de la ruche et le matériel d'apiculture, selon le cas.

**<u>Article 30</u>: Enquête épidémiologique**

L'enquête épidémiologique effectuée en cas de suspicion et de confirmation d'une maladie réputée contagieuse porte sur:

1º l'origine et les modes de contamination possibles de la maladie dans le rucher en question;

2º les mouvements des ruches, des colonies d'abeilles, des produits d'apiculture et de tout matériel d'apiculture depuis ou vers le rucher concerné;

3º kubarura izindi mvumvu zikekwamo ubwandu.

Ingamba zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zivanwaho iyo indwara z'inzuki zihagaze.

**Ingingo ya 31: Ingamba zifatwa igihe hemejwe ko hari indwara y'inzuki yandura**

Iyo laboratwari ibifitiye ubushobozi yemeje ko hagaragaye mu gace indwara y'icyorezo, Umuyobozi w'Akarere k'aho indwara yemejwe, abisabwe n'ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo akora ibi bikurikira:

1º kumenyekanisha ko agace kanduye indwara yandura y'inzuki;

2º kugaragaza umuzenguruko w'agace kanduye n'umubare w'imvumvu zose zanduye ziri muri ako gace;

3º gushyiraho imbago z'agace kagomba kurindwa kazengurutse akanduye indwara bitewe n'ubwoko bw'agakoko kateye indwara, ari naho ingamba zavuzwe haruguru zishyirwa mu bikorwa;

4º gushyira mu bikorwa ingamba ziteganywa ku mugereka w'iri teka.

3º the identification of other infection suspected apiaries.

Measures mentioned in Paragraph One of this Article shall be lifted if the bee disease is over.

**Article 31: Measures taken in case of a confirmed contagious bee disease**

In case an accredited laboratory confirms the existence of any contagious bee disease in an area, the Mayor of the District in which the infected area is located, upon proposal by the veterinary service, shall do the following:

1º to declare that the area is infected with a contagious bee disease;

2º to define the perimeter of the infected area and the number of all infected apiaries in the area;

3º to establish a protected zone, depending on the pathogen and a surveillance zone, in which the mentioned measures shall be applicable;

4º to apply measures prescribed on the Annex of this Order.

3º le recensement des autres ruchers susceptibles d'être infectés.

Les mesures visées à l'alinéa premier du présent article cessent d'être appliquées lorsque la maladie des abeilles cesse.

**Article 31: Mesures prises en cas de confirmation de maladie réputée contagieuse des abeilles**

Lorsque la présence d'une maladie réputée contagieuse des abeilles est confirmée dans un ou plusieurs ruchers par un laboratoire agréé, sur proposition du service vétérinaire, le Maire de District doit faire ce qui suit:

1º déclarer qu'une zone est atteinte d'une maladie contangieuse des abeilles;

2º déterminer les contours d'une zone de confinement et le nombre de tous les ruchers infectés;

3º délimiter, en fonction de l'agent pathogène, une zone de protection autour de la zone de confinement et une zone de surveillance autour de la zone de protection dans lesquelles les mesures qui y sont applicables sont prescrites;

4º mettre en œuvre des mesures prévues à l'annexe du présent arrêté.

**Ingingo ya 32: Ingamba zifatwa mu gace kagomba kurindwa uburwayi**

Ingamba zikurikira zifatwa mu gace kagomba kurindwa uburwayi:

1º kubarura imvumvu no kuzisuzuma;

2º gufata ibisuzumwa kugira ngo hakorwe ubushakashatsi ku ndwara y'icyorezo y'inzuki;

3º kubuza kwinjiza cyangwa kuvana imizinga, yaba irimo inzuki cyangwa zitarimo, inzuki, inziru, ibikoresho by'ubuvumvu n'ibibukomokaho mu gace kagomba kurindwa uburwayi.

**Ingingo ya 33: Ingamba zikurikizwa mu gace k'ubugenzuzi**

Ingamba zikurikira zifatwa mu gace k'ubugenzuzi:

1º kubarura imvumvu;

2º kubuza kuvana cyangwa kujyana imizinga irimo inzuki cyangwa itazifite mu gace k'ubugenzuzi.

**Ingingo ya 34: Inshingano yo kuba bahibereye**

Ba nyir'imizinga cyangwa imvumvu bagomba kuboneka ku giti cyabo cyangwa guhagararirwa

**Article 32: Measures taken in a protected zone**

The following measures shall be taken in a protected zone:

1º to identify and examin apiaries;

2º to take samples for a diagnosis of possible presence of a contagious bee disease;

3º to prohibit any movement of hives whether populated or not, bees, queens, beekeeping equipment and bee products to or from a protected zone.

**Article 33: Measures applicable in the surveillance zone**

The following measures shall be taken in surveillance zone:

1° to identify the apiaries;

2° to prohibit any movement of hives whether populated or not, to or from a surveillance zone.

**Article 34: Obligation to be present**

The owners of hives or apiaries are required to attend or to be represented at the scheduled visits

**Article 32: Mesures prises dans la zone de confinement**

Dans une zone de confinement, les mesures qui suivent sont prises:

1º recenser les ruches et les examiner;

2º faire des prélèvements afin de mener des recherches sur une éventuelle maladie épidémiologique des abeilles;

3º interdire les déplacements vers ou à partir de la zone de confinement de ruches, peuplées ou non, d'abeilles, de reines, de matériel d'apiculture et de produits d'apiculture.

**Article 33: Mesures applicables dans la zone de contrôle**

Dans la zone de contrôle, les mesures suivantes sont prises:

1º recenser les ruchers;

2º interdire les déplacements des ruches, peuplées ou non d'abeilles vers ou à partir d'une zone de contrôle.

**Article 34: Obligation de présence**

Les propriétaires des ruches ou ruchers sont tenus d'être présents ou de se faire représenter aux visites

igihe cyo gusura, kugira ngo bafashe abakozi bashinzwe ubugenzuzi, cyane cyane gupfundura imizinga no kubegereza ibikoresho bikenewe mu gusuzuma imizinga.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

**Ingingo ya 36: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 10/12/2014

(sé)
**MUKESHIMANA Geraldine**
Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

to provide the officers of sanitary control their collaboration, particularly the opening of hives and to provide the necessary equipment to diagnose the hives.

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 35: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 36: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 10/12/2014

(sé)
**MUKESHIMANA Geraldine**
Minister of Agriculture and Animal Resources

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

afin d'apporter aux agents chargés du contrôle sanitaire leur collaboration, spécialement pour l'ouverture des ruches ainsi que le matériel nécessaire à l'examen des ruches.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 35: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 36: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 10/12/2014

(sé)
**MUKESHIMANA Geraldine**
Ministre de l'Agriculture et des Ressources Animales

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA KU ITEKA RYA MINISITIRI N°001/11.30 RYO KU WA 10/12/2014 RYEREKEYE ISUKU MU MWUGA W'UBUVUMVU N'IMIKORESHEREZE Y'IMITI MU BUVUMVU**

**ANNEX TO MINISTERIAL ORDER N°001/11.30 OF 10/12/2014 RELATING TO HYGIENE IN BEEKEEPING AND MODALITIES FOR USE OF TOXIC SUBSTANCES**

**ANNEXE A L'ARRETE MINISTERIEL N°001/11.30 DU 10/12/2014 PORTANT HYGIENE ET MODALITES D'UTILISATION DES SUBSTANCES TOXIQUES DANS LA FILIERE APICOLE AU RWANDA**

**INGINGO ZIHARIYE ZIKURIKIZWA MU BIHE BY'IBYOREZO BY'INDWARA Z'INZUKI**

Ibyemezo byihariye bikurikira bikurikizwa mu gihe uruvumvu rwafashwe n'indwara yanduza inzuki cyangwa rukekwaho kuba rwafashwe nayo bitewe n'ubwoko bw'indwara :

**A. *Igihe hagaragaye agakoko ka Toropilelapusi spp( Tropilealaps spp)mu ruvumvu :***

1º Agace kagomba kurindwa indwara kangana n'ibirometero bitatu (3 km) ahakikije agace kanduye indwara ;
2º Agace k'ubugenzuzi kangana n'ibirometero bibiri (2 km) ahakikije agace ko kurinda ;
3º Umuyobozi w'Akarere ashobora gutegeka gusenya amarumbo y'inzuki n'imizinga irwaye ;
4º Kuvura hakoreshejwe imiti igihe bitegetswe n'umuvuzi w'amatungo hakurikijwe amabwiriza y'inzego z 'ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu zibifitiye uburenganzira.

**B. *Igihe akanyugunyugu ko mu muzinga ka Etina tumida (Aethina tumida) kagaragaye mu ruvumvu :***

1º Gushyiraho agace kagomba kurindwa indwara kangana n'ibirometero bitanu (5 km) gakikije agace kanduye indwara ;
2º Gushyiraho agace k'ubugenzuzi kangana n'ibirometero bitanu (5 km) ahakikije agace ko kurinda ;
3º Umuyobozi w'Akarere ashobora gusaba gusenya amarumbo yose y'inzuki n'imizinga yo mu mvumvu zanduye ndetse n'igice cyangwa ibikoresho byose byakoreshejwe mu ruvumvu rwanduye ;
4º Aho bishoboka kandi bitabangamiye ingingo zirebana no kurinda ibidukikije, kuvura ubutaka bufite umuzenguruko ungana na metero ebyiri (2 m) ahakikije imizinga y'uruvumvu rwanduye, hakurikijwe amabwiriza y'ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu bubifitiye uburenganzira ;
5º Kuvura hakoreshejwe imiti, igihe bisabwe n'ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu bubifitiye uburenganzira, hakurikijwe amabwiriza y'umuvuzi w'amatungo bishobora gukoreshwa.

**C. *Igihe hagaragaye ikinya mu ruvumvu :***

1º Gushyiraho agace kagomba kurindwa indwara kangana n'ibirometero bitatu (3 m) ahakikije agace kanduye indwara ;
2º Gushyiraho agace k'ubugenzuzi kangana n'ibirometero bibiri (2 km) ahakikije agace ko kurinda ; Umuyobozi w'Akarere ashobora gusaba gusenya amarumbo y'inzuki adafite ingufu cyangwa arwaye ;
3º Birabujijwe gukoresha ibiribwa bikomoka ku nzuki ; imizinga, ingereko z'imizinga n'ibikoresho byo mu buvumvu byakoreshejwe mu ruvumvu rurwaye birasukurwa bigakurwaho udukoko twanduza hakurikijwe amabwiriza y'ubuyobozi bw'Akarere ;
4º Amarumbo atarwaye agomba kwimurirwa mu mizinga mizima kandi akavurwa hakoreshejwe imiti yabigenewe bagendeye ku mabwiriza ya muganga w'amatungo ;
5º Igihimba cy'umuzinga, igice cyawo kidatwikirye n'ibikoresho byose byakoreshejwe mu ruvumvu rwanduye bigomba gusukurwa nez, bigakurwaho imyanda hakurikijwe amabwiriza ateganyijwe cyangwa bigasenywa byemejwe n'Umuyobozi w'Akarere ;
6º Irumbo ry'inzuki rishobora kubaho rigomba kwimurirwa mu mizinga mizima kandi

ikitabwaho mu buryo bwemejwe n'ushinzwe ubuvuzi bw'amatungo.

***D. Igihe hagaraye impiswi mu ruvumvu :***

1º Gushyiraho agace kagomba kurindwa indwara kangana n'ibirometero bitatu (3 km) ahakikije agace kanduye indwara ;

2º Gushyiraho agace k'ubugenzuzi kangana n'ibirometero bibiri (2 km) ahakikije agace ko kurinda ;

3º Umuyobozi w'Akarere ashobora gusaba gusenya amarumbo y'inzuki zirwaye ;

4º Birabujijwe gukoresha ibikomoka ku nzuki mu kugaburira inzuki ;

5º Bitegetswe kuvura hakoreshejwe imiti, igihe bisabwe n'ubuyobozi ku rwego rw'Igihugu bubifitiye uburenganzira, hakurikijwe amabwiriza y'umuvuzi w'amatungo.

**SPECIFIC PROVISIONS APPLICABLE TO BEE CONTAGIOUS DISEASE**

The following specific measures are applicable to an infected or suspected apiary depending on the nature of a contagious bee disease:

**A. *While Tropilaelaps is confirmed in the apiary***

1º Establishment of a protection area of three kilometers (3 km) around quarantine area
2º Establishment of a surveillance area of two kilometers (2 km) around the protection area
